

<p>ITEGEKO N° 06/2007 RYO KUWA 01/02/2007 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE YA KOMISIYO ISHINZWE ABAKOZI BA LETA</p>	<p>LAW N° 06/2007 OF 01/02/2007 DETERMINING THE ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE PUBLIC SERVICE COMMISSION</p>	<p>LOI N° 06/2007 DU 01/02/2007 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION DE LA FONCTION PUBLIQUE</p>
<p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 4 Ukuboza 2006 ;</p> <p>Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 4 Ukuboza 2006;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 45, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 126, iya 167, iya 181 n'iya 201;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko n°22/2002 ryo kuwa</p>	<p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its session of December 4, 2006;</p> <p>The Senate, in its session of December 4, 2006;</p> <p>Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003, as amended to date, especially in its articles 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 126, 167, 181 and 201;</p> <p>Given Law 22/2002 of 9/07/2002 on the General Statutes for Rwanda Public Service,</p>	<p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.</p> <p>LE PARLEMENT :</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 4 décembre 2006 ;</p> <p>Le Sénat, en sa séance du 4 décembre 2006 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 126, 167, 181 et 201 ;</p> <p>Vu la loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant</p>

<p>09/07/2002 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 16 ;</p> <p>YEMEJE:</p> <p>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere</u> : Ibiteganyijwe mu Itegeko</p> <p>Iri tegeko rigena imiterere n'imikorere ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yitwa "Komisiyo" muri iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 2</u> : Ibisobanuro bya Komisiyo</p> <p>Komisiyo ni urwego rw'Igihugu ruhoraho rwigenga rufite ubwisanzure mu mitegekere bwite, mu micungire y'imari n'umutungo.</p> <p>Mu kurangiza inshingano zayo, Komisiyo ikorana by'umwihariko na Minisiteri ifite Abakozi ba Leta mu nshingano zayo.</p> <p><u>Ingingo ya 3</u> : icyicaro cya Komisiyo</p> <p>Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.</p>	<p>especially in its article 16;</p> <p>ADOPTS:</p> <p>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article one:</u> Subject matter of the Law</p> <p>This law determines the organization and functioning of the Public Service Commission hereinafter referred to as "the Commission".</p> <p><u>Article 2:</u> Definition of the Commission</p> <p>The Commission is a national permanent and independent institution endowed with administrative and financial autonomy.</p> <p>In the exercise of its functions, the Commission shall collaborate particularly with the Ministry in charge of Public Service.</p> <p><u>Article 3:</u> The Headquarters of the Commission</p> <p>The headquarters of the Commission is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if considered necessary.</p>	<p>Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise, spécialement en son article 16 ;</p> <p>ADOPTE :</p> <p>CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES</p> <p><u>Article premier</u> : Objet de la Loi</p> <p>La présente loi porte organisation et fonctionnement de la Commission de la Fonction Publique, ci-après dénommée « la Commission ».</p> <p><u>Article 2</u> : Définition de la Commission</p> <p>La Commission est une institution nationale permanente et indépendante dotée d'une autonomie administrative et financière.</p> <p>Dans l'exercice de ses fonctions, la Commission collabore particulièrement avec le Ministère ayant la Fonction Publique dans ses attributions.</p> <p><u>Article 3</u> : Le siège de la Commission</p> <p>Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la</p>
---	--	--

<p>UMUTWE WA II: INSHINGANO N'INZEGO ZA KOMISIYO</p> <p>Icyiciro cya mbere : Inshingano za Komisiyo</p> <p><u>Ingingo ya 4 : Inshingano za Komisiyo</u></p> <p>Komisiyo ishinzwe :</p> <p>1° ibyerekeye gushaka no gushyiraho abakozi mu nzego z'imirimu ya Leta n'ibigo byayo;</p> <p>2° gushyikiriza inzego zibishinzwe amazina y'abakandida babikwiye kugira ngo bahabwe akazi, bashyirwe mu myanya kandi bazamurwe mu ntera; abo bakandida bagomba kuba bujuje ibyangombwa byose bisabwa kandi bagaragaje gusumbya abandi ubumenyi bukenewe ku myanya basaba, kandi hitawe ku myifatire myiza yabo;</p> <p>3° gushyiraho uburyo buboneye bwo gutoranya abakandida nta marangamutima, butabogamye, bunyuze mu mucyo kandi bumwe kuri bese ;</p> <p>4° gukora ubushakashatsi ku mategeko, amateka, ubumenyi bukenewe, ibyangombwa bisabwa mu kazi n'ibindi byerekeye imicungire n'iterambere ry'abakozi no kugira Guverinoma inama;</p> <p>5° gushyikiriza inzego zibishinzwe imyanzuro</p>	<p>CHAPTER II: MISSION AND ORGANS OF THE COMMISSION</p> <p>Section one: Mission of the Commission</p> <p><u>Article 4: Objectives of the Commission</u></p> <p>The Commission is in charge of:</p> <p>1° the recruitment and appointment of public servants in Central Government and other public institutions;</p> <p>2° the submission of names of candidates to the institutions concerned for employment, appointment and promotion of candidates who fulfil all the required conditions and have the most suitable qualifications for the job for which they have applied, taking into account the record of their conduct;</p> <p>3° the establishment of an appropriate system of recruitment of candidates which is objective, impartial, transparent and equitable for all ;</p> <p>4° carrying out research on the laws, regulations, human resource requirements, the terms of reference of posts and other matters relating to the management and development of human resources and advise the Government accordingly;</p> <p>5° submitting to the organs concerned proposals on appropriate disciplinary</p>	<p>République du Rwanda.</p> <p>CHAPITRE II : DES ATTRIBUTIONS ET DES ORGANES DE LA COMMISSION</p> <p>Section première : Des attributions de la Commission</p> <p><u>Article 4 : Les attributions de la Commission</u></p> <p>La Commission est chargée de :</p> <p>1° procéder au recrutement des agents des services publics de l'Etat et de ses institutions ;</p> <p>2° soumettre, pour nomination, affectation et promotion par les autorités compétentes, les noms des candidats qui remplissent tous les critères exigés et qui sont jugés les plus qualifiés professionnellement pour occuper les postes postulés, sans préjudice des qualités morales requises ;</p> <p>3° organiser un système de sélection des candidats objectif, impartial, transparent et égal pour tous ;</p> <p>4° faire des recherches sur les lois, règlements, qualifications requises, technicité liée au service et sur toutes les questions relatives à la gestion et au développement du personnel et faire des recommandations au Gouvernement ;</p> <p>5° faire des propositions de sanctions</p>
--	--	---

<p>ku bihano bikwiye birebana n’imyitwarire n’imikorere y’abakozi hakurikijwe amategeko agenderwaho;</p> <p>6° gufasha inzego n’ibigo bya Leta bigengwa n’amategeko yihariye ikoresheje ubumenyi ifite mu nshingano zivugwa muri iyi ngingo.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ishyirwa mu myanya ry’abakozi</u></p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 4 agace ka 6, abakozi bashyirwa mu myanya hashingiwe ku mbonerahamwe y’inzego z’imirimo n’imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ngombwa byemejwe n’inzego zibishinzwe.</p> <p>Urwego rukeneye abakozi rwoherereza Komisiyo urutonde rw’imyanya ikeneye abakozi, rukabimenyesha Minisitiri ifite Abakozi ba Leta mu nshingano zayo, kugira ngo igire icyo ibivugaho.</p> <p>Minisitiri ufite Abakozi ba Leta mu nshingano ze agomba kugira icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) kuva igihe yaboneye kopi. Iyo arengeje icyo gihe ntacyo abivuzeho, bifatwa nk’aho yabyemeye Komisiyo igasaba abakeneye iyo myanya kuyipiganirwa.</p>	<p>actions against employees in accordance with the law in force;</p> <p>6° providing technical assistance to State organs and public enterprises governed by special statutes using the expertise which it has by virtue of its functions referred to in this article.</p> <p><u>Article 5: Personnel recruitment</u></p> <p>Without prejudice to the provisions of article 4, point 6 of this law, public servants are recruited and appointed basing on the organisational structure and chart approved by the relevant authorities.</p> <p>Any institution that needs staff shall forward for approval, a list of vacant posts to the Commission, with a copy to the Ministry in charge of Public Service in order to give its opinion.</p> <p>The Minister in charge of Public Service shall react within seven (7) days from the day of receipt of the copy. If this period expires without his or her reaction, the request shall be presumed approved and the Commission shall request interested candidates to compete.</p> <p><u>Article 6: Appointment of an employee</u></p>	<p>disciplinaires suivant la législation en vigueur ;</p> <p>6° assister techniquement les institutions de l’Etat et les établissements publics dotés d’un statut particulier dans les activités mentionnées au présent article.</p> <p><u>Article 5: Recrutement du personnel</u></p> <p>Sans préjudice des dispositions du point 6 de l’article 4 de la présente loi, les agents de l’Administration Publique sont recrutés et affectés sur base des organigrammes et des cadres organiques approuvés par les organes compétents.</p> <p>L’Institution qui veut recruter le personnel envoie la liste des postes vacants à la Commission avec copie au Ministère ayant la Fonction Publique dans ses attributions pour avis.</p> <p>Le Ministre ayant la Fonction Publique dans ses attributions doit donner son avis dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à partir de la réception de la copie pour information. Dépassé ce délai, la requête est réputée acceptée et la Commission invite les candidats intéressés à postuler aux postes ouverts au concours.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 6: Guhabwa akazi k’Umukozi</u></p> <p>Komisiyo ishyikiriza Abayobozi babifitiye ububasha, amazina y’abatsinze bagomba gushyirwa mu myanya, kugira ngo hategurwe inyandiko zibaha akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 7 : Kugira inama inzego z’imirimo</u></p> <p>Komisiyo igira inama inzego z’imirimo ya Leta, ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu bikorwa ibyo ari byo byose bifitanye isano n’inshingano zayo.</p> <p>Inzego z’imirimo ya Leta, zibyibwirije cyangwa zibisabwe, zigomba guha Komisiyo amakuru yose ya ngombwa kugira ngo ishobore kurangiza inshingano zayo.</p> <p>Icyiciro cya II : Inzego za Komisiyo</p> <p><u>Ingingo ya 8: Inzego</u></p> <p>Komisiyo igizwe n’inzego z’imirimo zikurikira:</p> <p>1° Inama y’Abakomiseri ; 2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Inama y’Abakomiseri</u></p> <p>Inama y’Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo. Igizwe n’Abakomiseri barindwi (7)</p>	<p>The Commission shall submit to the competent authorities, the names of successful candidates to be appointed, in order to prepare appointment letters.</p> <p><u>Article 7: Advisory role</u></p> <p>The Commission, upon request or at own initiative, shall advise public service institutions on any matters relating to its mandate.</p> <p>Public institutions shall provide, on their own initiative or upon request, the Commission with the necessary information in order to fulfil its responsibilities.</p> <p>Section II: Organs of the Commission</p> <p><u>Article 8: Organs</u></p> <p>The Commission is composed of the following service organs:</p> <p>1° the Board of Commissioners; 2° the Executive Secretariat.</p> <p><u>Article 9: The board of Commissioners</u></p> <p>The Board of Commissioners is the supreme organ of the Commission. It is composed of seven (7) commissioners including the</p>	<p><u>Article 6: Nomination d’un Agent</u></p> <p>La Commission transmet aux autorités compétentes les noms des candidats qui ont gagné le concours pour l’élaboration des actes de nomination et d’affectation.</p> <p><u>Article 7: Le rôle consultatif</u></p> <p>La Commission émet des observations et donne des conseils, d’initiative ou à la demande de l’Institution Publique intéressée, sur toute matière relevant de sa mission.</p> <p>Les Institutions de l’Administration Publique sont tenues, d’initiative ou lorsqu’elles en sont requises, de fournir à la Commission les informations nécessaires à l’accomplissement de sa mission.</p> <p>Section II : Des organes de la Commission</p> <p><u>Article 8 : Des Organes</u></p> <p>La Commission est composée des organes de direction suivants :</p> <p>1° le Conseil des Commissaires ; 2° le Secrétariat Exécutif.</p> <p><u>Article 9: Le conseil de Commissaires</u></p> <p>Le Conseil des Commissaires est l’organe suprême de la Commission. Il est composé de</p>
--	--	--

<p>barimo Perezida na Visi Perezida, bashyirwaho na Guverinoma bakemezwa n’Umutwe wa Sena.</p> <p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by’abagize Inama y’Abakomiseri bagomba kuba ari abagore.</p> <p>Abakomiseri bashyirwaho kandi bakavanwaho n’iteka rya Perezida.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Ibisabwa kugirango umuntu abe Komiseri</u></p> <p>Kugira ngo umuntu abe umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba ari umunyarwanda ;</p> <p>2° kuba afite nibura impamyabushobozi yo mu rwego rwa A0 ;</p> <p>3° kuba adakurikiranyweho icyaha cya jenocide;</p> <p>4° kuba atagaragaraho ibimenyetso by’ingengabitekerezo ya jenocide;</p> <p>5° kuba ari inararibonye mu miyoborere cyangwa yarabaye umuyobozi;</p> <p>6° kuba atarakatiwe burundu igihano cy’igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);</p> <p>7° kuba afite nibura uburambe mu kazi bw’imyaka cumi n’itanu (15);</p> <p>8° kuba afite nibura imyaka mirongo ine (40)</p>	<p>Chairperson and the Vice Chairperson appointed by Cabinet and approved by the Senate.</p> <p>At least thirty percent (30 %) of the Commissioners shall be females.</p> <p>Commissioners shall be appointed and dismissed by a Presidential Order.</p> <p><u>Article 10: Eligibility to be appointed a Commissioner</u></p> <p>To be appointed a Commissioner, a candidate shall meet the following conditions:</p> <p>1° being a Rwandan by nationality;</p> <p>2° being a holder of at least a Bachelor’s degree ;</p> <p>3° not being accused of the crime of genocide ;</p> <p>4° not displaying behaviour characterised with the genocide ideology;</p> <p>5° having experience in administrative management or having occupied a managerial position;</p> <p>6° not having been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;</p> <p>7° having a professional experience of at least fifteen (15) years ;</p> <p>8° being at least forty (40) years of age.</p>	<p>sept (7) Commissaires dont le Président et le Vice-Président, proposés par le Gouvernement et approuvés par le Sénat.</p> <p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil des Commissaires doivent être de sexe féminin.</p> <p>Les Commissaires sont nommés et démis par Arrêté Présidentiel.</p> <p><u>Article 10: Admissibilité de nomination pour Commissaire</u></p> <p>Pour être Commissaire, le candidat doit remplir les conditions suivantes :</p> <p>1° être de nationalité rwandaise ;</p> <p>2° être détenteur d’un diplôme de niveau A0 au moins ;</p> <p>3° ne pas être poursuivi pour crime de génocide ;</p> <p>4° ne pas faire montre des indices de l’idéologie du génocide ;</p> <p>5° avoir une expérience dans la gestion administrative ou avoir occupé un poste de direction;</p> <p>6° ne pas avoir été condamné définitivement à une peine d’emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois ;</p> <p>7° avoir une expérience professionnelle de quinze (15) ans au moins ;</p> <p>8° être âgé de quarante (40) ans au moins.</p>
--	---	--

<p>y'amavuko.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Manda y'Abakomiseri</u></p> <p>Manda y'Abakomiseri ni imyaka ine (4), ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Abakomiseri bakora ku buryo budahoraho.</p> <p>Ibigererwa Abakomiseri bigenwa n'Iteka rya Perezida.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Irangira ry'Akazi k'Umukomiseri</u></p> <p>Imirimo y'Umukomiseri irangira iyo:</p> <p>1° arangije manda ye;</p> <p>2° yeguye ku bushake bwe akoresheje inyandiko ;</p> <p>3° atacyujye ibyangombwa bisabwa umukomiseri biteganyijwe mu ngingo ya 10 y'iri tegeko;</p> <p>4° agaragaje imyitwarire ibangamiye imikorere myiza ya Komisiyo;</p> <p>5° ananiwe gutunganya imirimo ashinzwe ku mpamvu z'uburwayi cyangwa ubumuga, byemejwe n'Akanama k'abaganga kashyizweho na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze ;</p>	<p><u>Article 11: The term of office for Commissioners</u></p> <p>The term of office of the Commissioners shall be four (4) years which may be renewed only once. Commissioners shall serve on a non permanent basis.</p> <p>A Presidential Order shall determine allowances and benefits given to the Commissioners.</p> <p><u>Article 12: Cessation of duties</u></p> <p>The duties of Commissioner shall cease if:</p> <p>1° he or she completes his or her term of office;</p> <p>2° he or she voluntarily resigns in writing;</p> <p>3° he or she no longer fulfils the required conditions provided for by article 10 of this law;</p> <p>4° he or she demonstrates behaviour which may prejudice the effective functioning of the Commission;</p> <p>5° he or she fails to accomplish his or her duties due to illness or disability upon approval by a medical committee established by the Minister in charge of health;</p> <p>6° he or she is absent in a meeting for three</p>	<p><u>Article 11 : La durée du terme pour des Commissaires</u></p> <p>Le mandat des Commissaires est de quatre (4) ans, renouvelable une seule fois. Les Commissaires ne sont pas permanents.</p> <p>Les appointements accordés aux Commissaires sont déterminés par Arrêté Présidentiel.</p> <p><u>Article 12 : Un arrêt de travail</u></p> <p>Les fonctions du Commissaire prennent fin dans les cas ci-après :</p> <p>1° expiration du mandat ;</p> <p>2° démission volontaire par écrit ;</p> <p>3° non satisfaction des conditions de nomination prévues à l'article 10 de la présente loi ;</p> <p>4° s'il affiche un comportement incompatible avec le bon fonctionnement de la Commission ;</p> <p>5° incapacité à remplir ses fonctions à la suite d'une maladie ou d'une infirmité attestée par une commission médicale mise en place par le Ministre ayant la santé dans ses attributions ;</p>
--	--	--

<p>6° asibye mu nama inshuro eshatu zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;</p> <p>7° apfuye.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Isimburwa ry’Umukomiseri</u></p> <p>Umukomiseri utakiri mu mirimo ye ku mpamvu zimaze kuvugwa mu ngingo ya 12, asimburwa hakurikijwe uburyo yashyizweho mu gihe kitarenze amezi atatu (3).</p> <p>Iyo Umukomiseri avanywe ku mirimo atarangije manda ye asimburwa mu mwanya we n’undi Mukomiseri akarangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirengeje amezi atandatu (6).</p> <p><u>Ingingo ya 14: Gutora Abakomiseri</u></p> <p>Iyo hasigaye amezi atatu (3) kugira ngo manda y’Abakomiseri irangire, hatangizwa gahunda yo gushyiraho abandi bashya.</p> <p><u>Ingingo ya 15: Ubunyamabanga bwa Komisiyo</u></p> <p>Komisiyo ifite Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buhoraho. Buyoborwa n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho n’Iteka rya Minisitiri w’Intebe.</p>	<p>consecutive times in a year with no justified reasons;</p> <p>7° he or she dies.</p> <p><u>Article 13: Replacement of a Commissioner</u></p> <p>A Commissioner who is removed from office due to the reasons mentioned in article 12 shall be replaced, in a period not exceeding three (3) months, through procedures in which he or she was appointed.</p> <p>Where a Commissioner is removed from office before completion of his or her term of office, he or she shall be replaced by another Commissioner who shall complete the remaining period of the term of office if it exceeds six (6) months.</p> <p><u>Article 14: Appointment of Commissioners</u></p> <p>The process of appointing new commissioners shall start three (3) months before the Commissioners’ term of office expires.</p> <p><u>Article 15: The Commission’s Secretariat</u></p> <p>The Commission shall have a permanent Executive Secretariat. It shall be headed by an Executive Secretary appointed by a Prime Minister’s Order.</p> <p>CHAPTER III: MISSION AND</p>	<p>6° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;</p> <p>7° décès.</p> <p><u>Article 13 : Remplacement d’un Commissaire</u></p> <p>Le Commissaire qui cesse ses fonctions pour une des raisons énumérées à l’article 12 de la présente loi, est remplacé suivant les modalités de sa nomination, endéans trois (3) mois.</p> <p>En cas de cessation du mandat avant terme, le siège vacant est dévolu à un nouveau Commissaire qui achève le terme restant si celui-ci est supérieur à six (6) mois.</p> <p><u>Article 14: Nomination du Commissaires</u></p> <p>Le processus de nomination de nouveaux Commissaires commence trois (3) mois avant l’expiration du mandat des Commissaires en fonction.</p> <p><u>Article 15 : Le Secrétariat de la Commission</u></p> <p>La Commission est dotée d’un Secrétariat Exécutif permanent. Le Secrétariat Exécutif est sous la direction d’un Secrétaire Exécutif nommé par Arrêté du Premier Ministre.</p>
---	--	--

<p>UMUTWE WA III: INSHINGANO N'IMIKORERE BY'INZEGO ZA KOMISIYO</p> <p>Icyiciro cya mbere: Inshingano n'imikorere by'Inama y' Abakomiseri</p> <p><u>Ingingo ya 16: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri</u></p> <p>Inama y' Abakomiseri ishinzwe ibi bikurikira:</p> <p>1° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za Komisiyo;</p> <p>2° kwemeza raporo na gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo ;</p> <p>3° gushyira mu myanya abakozi ba Komisiyo;</p> <p>4° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari;</p> <p>5° gufata ibyemezo byose bituma Komisiyo igera ku nshingano zayo;</p> <p>6° kwemeza Amategeko ngengamikorere ya Komisiyo.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Umuyobozi wa Komisiyo</u></p> <p>Komisiyo iyoborwa na Perezida akaba ari nawe Perezida w'Inama y' Abakomiseri.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Inshingano za Perezida w'Inama y'Abakomiseri</u></p>	<p>FUNCTIONING OF THE COMMISSION'S ORGANS</p> <p>Section one: Mission and functioning of the Board of Commissioners</p> <p><u>Article 16: Mission of the Board of Commissioners</u></p> <p>The Board of Commissioners is responsible for:</p> <p>1° following up the execution of the Commission's missions;</p> <p>2° adopting the report and activity plan of the Commission;</p> <p>3° appointing the Commission's staff;</p> <p>4° adopting the draft budget proposal ;</p> <p>5° taking all decisions aimed at facilitating the Commission to achieve its mission;</p> <p>6° adopting the Commission's internal rules and regulations.</p> <p><u>Article 17: Chairperson of the Commission</u></p> <p>The Commission shall be headed by a Chairperson who is also the Chairperson of the Board of Commissioners.</p> <p><u>Article 18: Responsibilities of the Chairperson of the Commission</u></p>	<p>CHAPITRE III : DES ATTRIBUTIONS ET DU FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE LA COMMISSION</p> <p>Section première : Des attributions et du fonctionnement du Conseil des Commissaires</p> <p><u>Article 16 : Attributions de Conseil des Commissaires</u></p> <p>Le Conseil des Commissaires est chargé de :</p> <p>1° assurer le suivi de l'exécution de la mission de la Commission ;</p> <p>2° adopter le rapport et le plan d'activités de la Commission ;</p> <p>3° nommer le personnel de la Commission ;</p> <p>4° adopter l'avant projet du budget ;</p> <p>5° prendre toutes les décisions visant la bonne exécution des attributions de la Commission ;</p> <p>6° adopter le règlement d'ordre intérieur de la Commission.</p> <p><u>Article 17 : Du Président de la Commission</u></p> <p>La Commission est dirigée par le (la) Président (e) qui est en même temps le (la) Président (e) du Conseil des Commissaires.</p> <p><u>Article 18 : Des attributions du Président de la</u></p>
--	--	--

<p>Perezida w’Inama y’Abakomiseri ashinzwe ibi bikurikira:</p> <p>1° guhagararira Komisiyo ; 2° guhuza ibikorwa byose by’Inama y’Abakomiseri ; 3° gutegura gahunda y’inama z’Inama z’Abakomiseri 4° gutumiza no kuyobora Inama y’Abakomiseri ; 5° kohereza raporo na gahunda y’ibikorwa bya Komisiyo mu nzego zibifitiye ububasha.</p>	<p>The Chairperson of the Commission is responsible for the following:</p> <p>1° representing the Commission; 2° coordinating all the activities of the Board of Commissioners; 3° preparing the agenda of the meeting of the Board of Commissioners; 4° convening and chairing the meeting of the Board of Directors; 5° submitting the report and action plan of the Commission to competent institutions.</p>	<p style="text-align: center;">Commission</p> <p>Le (la) Président (e) de la Commission est chargé (e) de :</p> <p>1° représenter la Commission ; 2° coordonner les activités du Conseil des Commissaires ; 3° préparer l’agenda des réunions du Conseil des Commissaires ; 4° convoquer et diriger les réunions du Conseil des Commissaires ; 5° transmettre aux institutions compétentes les rapports et le plan d’action de la Commission.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo</u></p> <p>Visi Perezida wa Komisiyo afite inshingano yo gufasha Perezida no kumusimbura mu mirimo ye igihe adahari.</p>	<p><u>Article 19: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission</u></p> <p>The Vice Chairperson of the Commission shall be responsible for assisting the Chairperson and replacing him or her in case of absence.</p>	<p><u>Article 19 : Des attributions du Vice-président(e) de la Commission</u></p> <p>Le (la) Vice-président(e) de la commission a pour attribution d’assister le (la) Président(e) de la Commission et le (la) remplacer en cas d’absence ou d’empêchement.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Inama isanzwe n’idasanzwe</u></p> <p>Inama y’Abakomiseri iterana rimwe mu kwezi mu nama isanzwe n’igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe adahari babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu cy’abayigize (1/3). Ubutumire bw’ inama isanzwe bugezwa ku Bakomiseri nibura iminsi irindwi (7) mbere y’uko inama</p>	<p><u>Article 20: Ordinary and Extra ordinary meetings</u></p> <p>The Board of Commissioners shall hold an ordinary meeting once a month and an extraordinary meeting whenever necessary upon invitation by its Chairperson, or the Vice Chairperson in case of absence or impediment of the former, on their own initiative or upon a written request by one third (1/3) of its members. Invitation letter for ordinary sessions</p>	<p><u>Article 20 : Des Sessions ordinaires et extraordinaire</u></p> <p>Le Conseil des Commissaires se réunit en session ordinaire une fois par mois et en session extraordinaire chaque fois que de besoin sur convocation de son (sa) Président(e) ou de son (sa) Vice-Président(e) en cas d’absence du (de la) Président(e) de leur propre initiative ou sur proposition écrite d’un tiers (1/3) de ses</p>

<p>iterana. Iyo ari inama idasanzwe bubagezwaho nibura iminsi itatu (3) mbere y’uko inama iterana.</p>	<p>shall reach Commissioners at least seven (7) days before the session is held. In case of extraordinary meetings, invitation letters shall reach Commissioners at least three (3) days before the meeting is held.</p>	<p>membres. Les invitations aux réunions ordinaires doivent parvenir aux Commissaires au moins sept (7) jours avant la date de la réunion. En cas de session extraordinaire, les invitations leur parviennent trois (3) jours avant la date de la réunion.</p>
<p>Uburyo Inama iterana n’uko ibyemezo bifatwa biteganywa n’amategeko ngengamikorere ya Komisiyo.</p>	<p>Modalities of how the meeting convenes and how decisions are taken shall be provided for in the internal rules and regulations of the Commission.</p>	<p>Les modalités de réunion et de prise de décisions sont prévues par le règlement d’ordre intérieur de la Commission.</p>
<p><u>Ingingo ya 21: Uburyo bwo gufata ibyemezo</u></p>	<p><u>Article 21: Decision making framework</u></p>	<p><u>Article 21 : Cadre décisionnel</u></p>
<p>Kugira ngo Inama y’Abakomiseri iterane hagomba kuba hari nibura Abakomiseri batanu (5).</p>	<p>The Board of Commissioners shall lawfully meet when at least five (5) members are present.</p>	<p>Le Conseil des Commissaires ne peut siéger valablement que lorsqu’au moins cinq (5) membres sont présents.</p>
<p>Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye. Mu gihe batabashije kumvikana, ibyemezo bifatwa byemejwe n’Abakomiseri nibura bane (4) bari mu nama.</p>	<p>The decisions of the Board of Commissioners shall be taken by consensus. In case of no consensus, decisions shall be taken upon approval by at least four (4) Commissioners present in the meeting.</p>	<p>Les décisions du Conseil des Commissaires sont prises par consensus. A défaut du consensus, elles sont prises sur approbation d’au moins quatre (4) membres du Conseil des Commissaires présents à la réunion.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Gutumira mu nama undi muntu</u></p>	<p><u>Article 22: Invitation of another person</u></p>	<p><u>Article 22 : Invitation d’une autre personne</u></p>
<p>Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida, iyo Perezida adahari, abyumvikanyeho n’abandi Bakomiseri ashobora gutumira mu nama undi muntu wese w’inzobere mu gihe bigaragaye ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka iri ku murongo w’ibyigwa.</p>	<p>The Chairperson of the Commission or Vice-Chairperson, in case of his or her absence may, after consulting other Commissioners, invite any resource person in case he or she may advise on a certain item on the agenda.</p>	<p>Le (la) Président(e) de la Commission ou son (sa) Vice-Président(e), après avis des autres Commissaires, peut inviter toute personne ressource dont la présence à la réunion est jugée nécessaire.</p>
<p>Uwatumwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo</p>	<p>The invitee is not allowed to vote and to participate in the discussion of other items on</p>	<p>La personne ainsi invitée ne participe ni au</p>

<p>w'ibyigwa.</p> <p>Icyiciro cya II : Inshingano n'imikorere by'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</p> <p><u>Ingingo ya 23: Inshingano n'imikorere</u></p> <p>Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bushinzwe guhuza ibikorwa bya Komisiyo.</p> <p>Inshingano n'imiterere by'inzego z'imirimo y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p> <p>Abakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bashyirwaho bakanacungwa mu buryo buteganywa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 24 : Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe ibi bikurikira:</p> <p>1° gutunganya no guhuza ibikorwa byose byo mu bunyamabanga nshingwabikorwa ;</p> <p>2° gukurikirana imirimo ya buri munsu ya Komisiyo ;</p> <p>3° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya Komisiyo no gutanga raporo yabyo ;</p>	<p>the agenda.</p> <p>Section II: Duties and functioning of the Executive Secretariat</p> <p><u>Article 23: Duties and responsibilities</u></p> <p>The Executive Secretariat shall be responsible for coordinating the activities of the Commission.</p> <p>The Order of the Prime Minister determines the organisational structure and the chart of the Executive Secretariat.</p> <p>The staff of the Executive Secretariat shall be recruited and managed in accordance with provisions of the General Statutes for Rwanda Public Service.</p> <p><u>Article 24: Responsibilities of the Executive Secretary</u></p> <p>The Executive Secretary is responsible for the following:</p> <p>1° organizing and coordinating the activities of the Executive Secretariat;</p> <p>2° ensuring the follow up of the Commission's daily activities;</p> <p>3° managing staff, equipment and finance of the Commission and submitting its report;</p>	<p>vote, ni à l'examen des autres points inscrits à l'ordre du jour.</p> <p>Section II : Des attributions et du fonctionnement du Secrétariat Exécutif</p> <p><u>Article 23 : Des attributions et responsabilités</u></p> <p>Le Secrétariat Exécutif est chargé de coordonner les activités de la Commission.</p> <p>L'organisation et le cadre organique du Secrétariat Exécutif sont déterminés par Arrêté du Premier Ministre.</p> <p>Les agents du Secrétariat Exécutif sont recrutés et gérés conformément au Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.</p> <p><u>Article 24: Attributions du Secrétaire Exécutif</u></p> <p>Le Secrétaire Exécutif est chargé de :</p> <p>1° organiser et coordonner les activités du Secrétariat Exécutif ;</p> <p>2° assurer le suivi des activités quotidiennes de la Commission ;</p> <p>3° assurer la gestion du personnel, du matériel,</p>
--	--	--

<p>4° gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Komisiyo ;</p> <p>5° kwiga amadosiye y’akazi n’aya tekini ajoyanye n’inshingano za Komisiyo ;</p> <p>6° kuba umwanditsi w’Inama y’Abakomiseri;</p> <p>7° gutegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari, gahunda y’ibikorwa na raporo y’ibikorwa akabishyikiriza Inama y’Abakomiseri;</p> <p>8° gutegura imbanzirizamushinga y’amategeko ngengamikorere ya Komisiyo;</p> <p>9° gukora indi mirimo yose yasabwa n’Inama y’Abakomiseri cyangwa Perezida wa Komisiyo.</p>	<p>4° implementing the decisions of the Commission;</p> <p>5° examining the administrative and technical issues in relation with the Commission’s mission;</p> <p>6° serving as the rapporteur of the meetings of the Board of Commissioners;</p> <p>7° preparing the Commission’s draft budget proposal, activity reports and action plan and submitting them to the Board of Commissioners;</p> <p>8° preparing the draft of internal rules and regulations of the Commission;</p> <p>9° performing any other duty as he or she may be requested by the Board of Commissioners or by the Chairperson of the Commission.</p>	<p>des finances de la Commission et en faire le rapport ;</p> <p>4° exécuter les décisions de la Commission ;</p> <p>5° examiner les dossiers administratifs et techniques relevant de la mission de la Commission ;</p> <p>6° être le rapporteur des réunions du Conseil des Commissaires ;</p> <p>7° préparer l’avant projet du budget, le plan d’action et le rapport d’activités à soumettre au Conseil des Commissaires ;</p> <p>8° Préparer l’avant projet du règlement d’ordre intérieur de la Commission ;</p> <p>9° accomplir toute autre tâche lui confiée par le Conseil des Commissaires ou par le (la) Président(e) de la Commission.</p>
<p>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO WA KOMISIYO</p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Ibigize Umutungo wa Komisiyo</p> <p>Umutungo wa Komisiyo ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.</p> <p>Ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <p>1° ingengo y’imari igenerwa na Leta;</p> <p>2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz’abaterankunga;</p>	<p>CHAPTER IV: THE PROPERTY OF THE COMMISSION</p> <p><u>Article 25:</u> Composition of the Property of the Commission</p> <p>The property of the Commission is made up of the movables and the immovables.</p> <p>It comes from the following sources:</p> <p>1° the State budget allocations;</p> <p>2° Government or donor subsidies;</p>	<p>CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE DE LA COMMISSION</p> <p><u>Article 25 :</u> Constitution du patrimoine de la Commission</p> <p>Le patrimoine de la Commission est constitué des biens meubles et immeubles.</p> <p>Il provient des sources suivantes :</p> <p>1° les dotations du budget de l’Etat ;</p> <p>2° les subventions de l’Etat ou des donateurs ;</p>

<p>3° ibituruka ku mirimo ikora;</p> <p>4° inyungu ku mutungo wayo;</p> <p>5° impano n’indagano.</p> <p><u>Ingingo ya 26: : Itegurwa ry’ingengo y’Imari</u></p> <p>Komisiyo itegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ikayishyikiriza Minisitiri ufite Abakozi ba Leta mu nshingano ze kugira ngo yemezwe n’Inama y’Abaminisitiri.</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa ni we Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y’imari ya Komisiyo.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Ushinzwe kugenzura umutungo wa Komisiyo</u></p> <p>Umutungo wa Komisiyo ugenzurwa n’Umugenzuzi Mukuru w’imari ya Leta.</p> <p>UMUTWE WA V : INGINGO Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 28: Ingingo ngengamikorere</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n’iri tegeko, Komisiyo ishyiraho amategeko agenga imikorere yayo.</p>	<p>3° funds from its services;</p> <p>4° interest from its patrimony;</p> <p>5° donation and bequest.</p> <p><u>Article 26: Preparation of the budget proposal</u></p> <p>The Commission prepares the draft budget proposal and submits it to the Minister in charge of Public Service in order for approval by the Cabinet.</p> <p>The Executive Secretary is the Chief Budget Manager for the Commission’s budget.</p> <p><u>Article 27: Auditing of the Commission’s property</u></p> <p>The property of the Commission shall be audited by the Auditor General of State Finances.</p> <p>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</p> <p><u>Article 28: Regulatory Provisions</u></p> <p>Notwithstanding the provisions of this law, the Commission shall draw up its internal rules and regulations.</p>	<p>3° le produit des services prestés par la Commission ;</p> <p>4° les revenus de son patrimoine ;</p> <p>5° les dons et legs.</p> <p><u>Article 26 : Préparation de l’avant-projet Budgetaire</u></p> <p>La Commission prépare l’avant-projet de budget et le soumet au Ministre ayant la Fonction Publique dans ses attributions pour approbation par le Conseil des Ministres.</p> <p>Le Secrétaire Exécutif est l’Ordonnateur Principal du budget de la Commission.</p> <p><u>Article 27 : Contrôle du patrimoine de la Commission</u></p> <p>Le patrimoine de la Commission est contrôlé par l’Auditeur Général des Finances de l’Etat.</p> <p>CHAPITRE V : DES DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</p> <p><u>Article 28 : Provisions régulatrices</u></p> <p>Sous réserve des dispositions de la présente loi, la Commission se dote d’un règlement d’ordre intérieur.</p>
--	---	--

<p>Mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo, Komisiyo ishobora gushyiraho amatsinda adahoraho y'Abakomiseri, kwifashisha impuguke cyangwa izindi nzego za Leta.</p>	<p>In the execution of its duties, the Commission may establish ad hoc committees of commissioners; consult experts or any other public institutions.</p>	<p>Dans l'exercice de ses fonctions, la Commission peut mettre en place des comités ad hoc composés de Commissaires, recourir aux Experts ou à d'autres organes étatiques.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Raporo y'ibikorwa</u></p>	<p><u>Article 29: Report on activities</u></p>	<p><u>Article 29: Rapport sur les activités</u></p>
<p>Abayobozi n'abakozi ba Komisiyo babujijwe gusaba cyangwa kwemera amabwiriza aturutse ku bantu cyangwa ku bategetsi batari abo muri iyo Komisiyo.</p>	<p>The Management and personnel of the Commission are prohibited from seeking or accepting instructions from persons or public officials from outside the Commission.</p>	<p>Il est interdit aux responsables et aux agents de la Commission de solliciter ou d'accepter des instructions de personnes ou autorités extérieures à la Commission.</p>
<p>Komisiyo ishinze abakozi ba Leta ishyikiriza buri mwaka Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo, naho Perezida wa Repubulika na Minisitiri ufite Abakozi ba Leta mu nshingano ze bakagenerwa kopi.</p>	<p>The Public Service Commission shall submit each year its program and activity report to the Parliament and Government while the President of the Republic and the Minister in charge of Public Service shall be given copies.</p>	<p>La Commission de la Fonction Publique adresse, chaque année, le programme et le rapport d'activités au Parlement et au Gouvernement et en réserve copie au Président de la République et au Ministre ayant la Fonction Publique dans ses attributions.</p>
<p>Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ishyikirizwa inzego z'imirimo zavuzwe mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo bitarenze taliki ya 31 Werurwe y'umwaka ukurikira uwo byakozwemo.</p>	<p>The Commission shall submit its activity report to the institutions mentioned in paragraph 2 of this article not later than March 31 of the subsequent year.</p>	<p>Le rapport d'activités de la Commission est soumis aux institutions susmentionnées au deuxième alinéa du présent article au plus tard le 31 mars de l'année suivante.</p>
<p>Gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira ishyikirizwa izo nzego bitarenze ku wa 31 Ukwakira y'umwaka urangiye.</p>	<p>The activity plan of the subsequent year shall be submitted to the same institutions not later than October 31 of the previous year.</p>	<p>Le plan d'activités de l'année suivante est transmis à ces mêmes institutions au plus tard le 31 octobre de l'exercice en cours.</p>
<p><u>Ingingo ya 30: Ibyakozwe mbere</u></p>	<p><u>Article 30: Prior acts</u></p>	<p><u>Article 30 : Les faits et actes antérieur</u></p>
<p>Ibyemezo bijyanye n'inshingano za Komisiyo, byafashwe n'Abayobozi b'izindi nzego hashingiwe ku mategeko akurikizwa mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta</p>	<p>Resolutions relating to the Commission's mission taken by managers of other institutions in consideration of the existing laws before the publication of this law in the Official Gazette of</p>	<p>Les décisions relatives aux attributions de la Commission, prises par d'autres instances habilitées conformément aux dispositions</p>

<p>ya Repubulika y'u Rwanda, bihawe agaciro.</p> <p><u>Ingingo ya 31: Ingingo z'amategeko</u></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 32 : Igihe cy'ikurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsiri tangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali, kuwa 01/02/2007</p> <p style="text-align: center;">Perezida wa Repubulika KAGAME Paul (sé)</p> <p style="text-align: center;">Minisitiri w'Intebe MAKUZA Bernard (sé)</p> <p style="text-align: center;">Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Prof. NSHUTI Manasseh (sé)</p> <p style="text-align: center;">Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi MUSONI James (sé)</p> <p style="text-align: center;">Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika : Minisitiri w'Ubutabera</p>	<p>the Republic of Rwanda shall remain valid.</p> <p><u>Article 31: Previous Provisions</u></p> <p>All previous legal provisions contrary to this law are hereby abrogated.</p> <p><u>Article 32: Coming into force</u></p> <p>This law comes into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali, on 01/02/2007</p> <p style="text-align: center;">The President of the Republic KAGAME Paul (sé)</p> <p style="text-align: center;">The Prime Minister MAKUZA Bernard (sé)</p> <p style="text-align: center;">The Minister of Public Service and Labour Prof. NSHUTI Manasseh (sé)</p> <p style="text-align: center;">The Minister of Finance and Economic Planning MUSONI James (sé)</p> <p style="text-align: center;">Seen and sealed with the Seal of the Republic: The Minister of Justice KARUGARAMA Tharcisse</p>	<p>légales en vigueur avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, demeurent valables.</p> <p><u>Article 31 : Provisions prévues</u></p> <p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><u>Article 32: L'entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le 01/02/2007</p> <p style="text-align: center;">Le Président de la République KAGAME Paul (sé)</p> <p style="text-align: center;">Le Premier Ministre MAKUZA Bernard (sé)</p> <p style="text-align: center;">Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail Prof. NSHUTI Manasseh (sé)</p> <p style="text-align: center;">Le Ministre des Finances et de la Planification Economique MUSONI James (sé)</p> <p style="text-align: center;">Vu et scellé du Sceau de la République :</p>
--	--	---

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

(sé)

Le Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)